REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le 17/4/1998

N° A25/21.00

Note

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

URGENT!

Kuri :
- Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP
- Umunyamabanga Wihariye
- Umukuru w'Imirimo (bose) sports
- DAAF

**IMPAMVU : KUBATUMIRA MU NAMA YA MINISITERI**

Bwana, Madamu,

Nishimiye kubatumira mu nama izabera mu cyumba cy'inama cya Cabinet ya MIJESCAFOP kuwambere taliki ya 20/04/98 kuva isaha eshatu za mu gitondo.

Ibizigwa :
1. Kwemeza imyanzuro y'inama yo kuwa 13/04/98
2. Ikibazo cy'agahimbazamusyi (Perdiems)
3. Gahunda z'icyumweru cyo hagati ya taliki ya 20 na 26/04/98 no gusuzuma impapuro zishyuza
4. Amafaranga amaze gukoreshwa ku ngengo y'imari ya 98 n'asigaye
5. Ibindi : - Fiscalité.

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

Dr Yakobo BIHOZAGARA

p.o.

KABANDANA Marc
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

Tél. 8 35 12, 8 35 13, 8 35 40 Fax. 8 35 18

## INYANDIKO Y'INAMA YAHUJE MINISITIRI N'ABAKURU BA MININISITERI KUWA MBERE TALIKI YA 13 MATA 1998

Inama yo kw'italiki ya 13 Mata 1998 yatangiye saa tatu n'iminota cumi n'itanu za mu gitondo. Yari iyobowe na Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Icirirtse, Dogiteri Yakobo BIHOZAGARA.

ABAJE MU NAMA :

| | |
|---|---|
| 1. Bwana KABANDANA Mariko | :Umunyamabanga Mukuru |
| 2. Bwana RWIGEMA Paterne | :Umuyobozi wa Siporo |
| 3. Bwana MUKIMBIRI Yohani | :Umuyobozi w'Umuco |
| 4. Bwana NTIDENDEREZA William | :Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Icirirtse |
| 5. Bwana MUSONI James | :Umuyobozi w'Urubyiruko |
| 6. Madamu KANYANGE Anna Mariya | :Umuyobozi w'Imirimo Rusange |
| 7. Bwana KAMAREMERA Petero | :Umunyamabanga Wihariye wa Minisitiri. |

IBYARI K'UMURONGO W'IBYIGWA :

1. Kwemeza ibyemezo by'inama yo kw'italiki ya 02/03/98 no kureba bimwe mubyasabwe gukorwa aho bigeze
2. Kugeza kubari mu nama, ibyemezo bimwe by'Inama y'Abaminisitiri birebana n'inshingano za MIJESCAFOP
3. Ku byari ku murongo w'ibyigwa hiyongereyeho ibi bikurikira :
   - Fiscalité
   - Fespad
   - Siporo muri za Minisiteri
   - Imikino ya Basket yo muri zone ya kane
   - Inama y'abayobozi b'Urubyiruko muri za Perefegitura n'Imiryango itegamiye Leta
   - Ingando muri UNR
   - Inama y'Urubyiruko y'Akarere
   - Agahimbazamusyi k'abakozi
   - Imirimo y'amaboko (ikiganiro kuri Televisiyo cyakozwe na NTIDENDEREZA William).

UKO IMIRIMO Y'INAMA YAGENZE

### I. Ibyemezo by'inama yo kw'italiki ya 2/03/98

Minisitiri yatangiye inama asaba KANYANGE Anna Mariya gusomera abari mu nama raporo y'inama yo kw'italiki ya 2 Werurwe 1998 kungingo irebana n'ibyemezo.

1. Kubyerekeye umwanzuro w'ikoreshwa rya Budget mu buryo bwiza, ibikorwa byateganijwe bigakorwa, n'amafaranga yasabwe agakoreshwa, abari mu nama bunguranye ibitekerezo kuri iyo ngingo, maze hafatwa imyanzuro ikurikira :

- Inama ya Minisiteri ihuje Minisitiri, Umunyamabanga Mukuru n'Abayobozi izajya iterana buri wa mbere w'icyumweru
- Abayobozi basabwe kugeza k'Umunyamabanga Mukuru buri wa gatatu w'icyumweru gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu cyumweru gikurikiyeho, bakanabisabira amafaranga. Umunyamabanga Mukuru niwe uzabigeza mu Buyobozi bw'Imirimo Rusange nabwo bukabigeza kwa DAAF agashaka ibisabwa kugirango gahunda zishyirwe mu bikorwa. Iyo birangiye, Umunyamabanga Mukuru niwe ubimenyesha Minisitiri n'Inama ya Minisiteri
- DAAF asabwe kuzajya amenyesha buri Muyobozi, amafaranga yakoreshejwe n'asigaye kugirango akore gahunda akurikije amikoro Ubuyobozi bwe bufite.
- Abari mu nama bifuje ko Abayobozi bajya bamenya ibikorerwa muri Minisiteri kugirango bajye babasha kubisobanura igihe bibaye ngombwa.
- Kubyerekeye amafaranga akoreshwa mu mishinga, abari mu nama bumvikanye ko hazajya hasinyirwa akenewe gusa, aho gusabira icyarimwe ayo umushinga uteganya.
- Abari mu nama basabye ko Umuyobozi wa ``Bibliothèque Nationale`` n'uwa ``Archives`` bajya baza mu nama za buri wa mbere w'Icyumweru. Umuyobozi wa Musée we yajya aza rimwe mu kwezi gusa.
- Hasabwe kandi ko dosiye zuzuye zijyanye n'igikorwa nka Séminaire, inama cyangwa amahugurwa zajya zigezwa k'Umunyamabanga Mukuru nibura ibyumweru bibiri mbere y'uko icyo gikorwa gitangira.

2. Kubyerekeye imitangire y'amavuta y'imodoka (Essence na Mazutu) : Hemejwe ko DAAF ariwe ushinzwe icyo gikorwa kandi kikaba ariwe kibazwa (responsable). Ariko azifashisha Charroi abe ariwe utanga bons z'amavuta. Charroi azajya ahabwa ¾ by'amavuta yose y'ukwezi naho DAAF asigarane ¼ cy'ingoboka. Raporo z'imitangire y'amavuta zigomba kugezwa k'Umuyobozi w'Imirimo Rusange buri kwezi nawe akazohereza Umunyamabanga Mukuru.

3. Kubyerekeye imikoreshereze y'imodoka mu magaraji : Kubera ko hagaragaye ko amagaraji MIJESCAFOP ikoreshamo imodoka ari menshi kandi ugasanga atanakora neza yose, kubera kandi ko hagaragaye ko haba hari imodoka zikoreshwa nta Bon de Commande bigatera ingorane mukwishyura, abari mu nama bemeje ibi bikurikira :
    - Igihe amagaraji yemejwe na Tender Board ataratangazwa k'umugaragaro, imodoka zose za MIJESCAFOP zizajya zijyanwa muri GEMECA. Minisitiri yavuze ko atelefona Umukuru wayo akabimubwira.
    - Hemejwe ko mbere y'uko imodoka jya mw'igaraji, igomba gukorerwa Bon de Commande hakurikijwe expertise, igasinywa n'ababifitiye Uburenganzira.

4. Kubyerekeye gutahana imodoka :
    - Inama yongeye kwemeza ko abatahana imodoka ari Abayobozi gusa n'Abayobozi b'Imishinga. Abo bayobozi basabwe kwaka amakarita ya MINITRANSCO atanga uburenganzira bwo gutwara imodoka za Leta .
    - Inama yifuje ko hategurwa inama irebana n'ikibazo cy'imodoka zo mu mishinga.

- Inama yasabye Abayobozi gukora Evaluation y'Imishinga iri mu Buyobozi bwabo ikazagezwa k'Umunyamabanga Mukuru bitarenze taliki ya 20/04/98. Izo raporo zizasuzumirwa mu nama iteganyijwe taliki ya 29/04/98. Umunyamabanga Mukuru azabyandikira Abayobozi abimenyeshe Abayobozi b'Imishinga.

5. <u>Kubyerekeye gutanga imikoreshereze ya Budget igomba gutangwa n'ubuyobozi</u> : Inama yasanze hasigaye gusa Ubuyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse.
   - Kubera ko abari mu nama basobanuriwe ko William asa naho akora wenyine, bikadindiza imirimo, inama yamusabye ~~gukora structure nshya~~ y'ubuyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse, akanashaka n'abakozi babishoboye.
   - Inama yamuhaye igitekerezo cyo gushaka abakozi mubarangije ingando kandi ko hari lisiti yabo yakozwe.
   - Inama yasanze ali ngombwa ko Ubuyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse bwakorerwa Evaluation.

6. <u>Ku kibazo cya raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 1997 na Gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 1998</u> : Inama yasanze raporo z'Ubuyobozi bwoze zaratanzwe ndetse ko na raporo yuzuye yagejejwe k'Umunyamabanga Mukuru. Gahunda z'umwaka wa 1998 zo ziracyari muri Computer zikaba zizaboneka vuba.
   - Inama yemeje ko raporo zivuye mu Buyobozi zahabwa Umunyamabanga Mukuru akaba ariwe uziha Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange ngo izihuze hanyuma ikuremo raporo imwe iyimwoherereze, ayemeze, ibone kujya kwa Minisitiri.
   - Kubyerekeye imikorere ya raporo, hifujwe ko Abayobozi bajya bazikosora ubwabo, bakazihuza kandi bakanasubira no mu mibare irimo kugirango byoroherereze uhuza raporo zose mu rwego rwa Minisiteri kandi bakazishyira mu rurimi rumwe.

7. <u>Ibyerekeye imivugururire y'Ishami ry'Igenamigambi</u> :
   - Inama yagejejweho ko NSENGA David yasabye kutajya muri iryo Shami kubera ko abona atabishobora.
   - Inama yasabye ko NDAYISABA Juvenali yaba Umuyobozi w'iryo Shami.
   - Inama yasabye Umunyamabanga Mukuru n'Umuyobozi w'Imirimo Rusange ko yakoresha inama abakozi b'iryo shami kugirango babasobanurire neza inshingano zabo.
   - Inama yasabye Umuyobozi w'Imirimo Rusange kwiga ibyerekeye agahimbaza-musyi k'abakozi b'iryo shami akazabigeza ku nama itaha.

8. <u>Gusezerera abakozi</u> : Minisitiri yasobanuriye abari mu nama ko lisiti ya MIFOTRA yariho abakozi 135 bo kwirukana. Yasobanuye ko muri abo 135 harimo abakozi 11 batazwi, 10 bahagaritse Kontaro zabo, na 17 bakuyemo kandi bafite imirimo igaragara muri Mémorial, Archives Nationales na Bibliothèque. Minisitiri yabwiye abari mu nama ko lisiti yayihaye Umuyobozi w'Imirimo Rusange ngo ayisubiremo arebe neza niba ntabakozi barenganye se cyangwa n'abibagiranye bagombaga kwirukanwa.

Minisitiri yasomeye abari mu nama lisiti y'abagomba kwirukanwa 60 yemewe n'Inama y'Abaminisitiri, anasaba ko bayishyiramo Catégories kugirango byorohe mu kubashakira amahugurwa. Inama yasabye kandi ko abagomba kwirukanwa babimenyeswa hakiri kare ndetse yemeza ko habanza kuba Inama Rusange abakozi bagasobanurirwa uko iyo dosiye iteye, n'icyo Leta iteganyiriza abazirukanwa. Hazakurikiraho indi nama yo kumenyesha abari kuri lisite yo kwirukanwa.

Inama yasabye kandi Umuyobozi w'Imirimo Rusange, kubaza MIFOTRA niba amafaranga y'imperekeza ahari kugirango abakozi bazirukanwe bahita bayabaha.

**II. Ingingo ya kabiri y'Inama : Ibyemezo bimwe by'Inama y'Abaminisitiri birebana n'inshingano za MIJESCAFOP**

Minisitiri yabwiye abari mu nama ko Leta yemeje ko ibarura ry'abantu bose bazize Génocide rikorwa kandi mu mezi atatu. Hakaba rero harashyizweho Commission igizwe na MIJESCAFOP, MININTER, MIGEFASO MINECOFIN na MINIJUST. Minisitiri yongeyeho ko Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi yamwemereye kuzamuha abakozi bo muri Enquêtes Démographiques bazategura Méthodologie yakurikizwa, ndetse n'Ingengo y'Imari yangombwa ngo imirimo ikorwe.

**III. Ibindi**

* <u>Basket Ball</u> :

Minisitiri yemeye patronage ya Fundraising izakoreshwa n'Ishyirahamwe ry'Umukino wa Basket Ball mu Rwanda mw'itegura ry'umukino uzahuza ibihugu by'Afrika yo hagati (Zone 4). Minisitiri ariko yasabye ko italiki ya Fundraising yakwigizwayo kugirango abone igihe cyo kubimenyesha abandi ba Minisitiri.

* <u>Ingando</u> :

Umuyobozi w'Urubyiruko yagejeje ku nama ko ingando yo muri Universite izaba guhera taliki ya 25 Mata ikazamara ibyumweru birindwi. Uzayiyobora ni Jean Paul MUNYANDAMUTSA. Umuyobozi w'Urubyiruko yifuje ko Minisitiri yazatanga Ikiganiro mbwirwa-ruhame kw'italiki ya 26 Mata muri iyo ngando.

* <u>Inama ihuza Abayobozi b'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse:</u>

Iyo nama izaba kuwa gatatu no kuwa kane taliki ya 15 n'iya 16 Mata, ikazahuza abayobozi b'Urubyiruko n'Imiryango Itegamiye Leta ariko itera inkunga Urubyiruko. Umuyobozi w'Urubyiruko yifuje ko bagenzi be bayizamo bakaba bagira n'ibyo babagezaho mu mirimo yabo. Umunyamabanga Mukuru niwe uzayifungura hanyuma ifungwe na Minisitiri kuwa kane.

* <u>Inama y'Urubyiruko rw'akarere k'ibihugu dutuyemo</u> :

Umuyobozi w'Urubyiruko yamenyesheje inama ko isangano ry'akarere ry'Urubyiruko PNUD yemeye kuzarishakira amafaranga yo kuritegura.

Aha Minisitiri yasabye Umunyamabanga Mukuru ko amukorera Fiches Techniques z'Ibikorwa Mpuzamahanga bizakorerwa mu Rwanda muri uyu mwaka kugirango azabigeze ku nama y'Abaminisitiri.

Ibyo bikorwa ni ibi :

* AFABA : zone 4 : Championnat
* Volley Ball : Zone 4 : Championnat
* Fespad
* CECAFA
* Forum des Jeunes

Abari mu nama bifuje ko Leta yaha ubushobozi Ubunyamabanga buhoraho bwashyizweho mugutegura biriya bikorwa, banifuza ko hanajyaho vuba Ubunyamabanga bw'Igihugu (Secrétariats Nationaux).

Inama yarangije imirimo yayo saa saba n'iminota mirongo itanu.

Umuyobozi w'Inama

Dr. Yakobo BIHOZAGARA
Minisitiri

Umwanditsi

Petero KAREMERA

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE, DE LA CULTURE, DES SPORTS ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

Très important & Très urgent.

## FICHE DE TRANSMISSION

DESTINATAIRE Bernardin Rutazibwa

EXPEDITEUR DCA

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

Commentaires/Observations/Message

1/ Arindabona texte ya OMAR BAKHET le Conférencier du lundi 1/9/97 au C. C. Islam.
2/ Nasubije ku mutumaho mme E. MOUNDO.
Wabe usreba le résumé du texte de base.
3/ pour en saisir contours et contenus essentiels

Date 29/8/97

Signature